NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU**

***Kigali, kuwa 28,Nyakanga 2025***

***Ubushakashatsi bw'gihembwe cya kabiri cya 2025 ku bakora n'abashomeri mu Rwanda buragaragaza ko Abanyarwanda 5 mu 10 bafite imyaka yo gukora ubu bafite akazi***

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyashyize hanze ibyavuye mu bushakashatsi bw'igihembwe cya kabiri cya 2025 ku bakora n'abashomeri mu Rwanda (Rwanda Labour Force Survey –Quarter2, 2025) aho bwerekana igabanuka ry'ubushomeri bwavuye kuri 16.8% mu gihembwe cya kabiri 2024 bugera kuri 13.4% mu gihembwe cya kabiri 2025

Ubushakashatsi ku bakora n'abashomeri mu Rwanda ni ubushakashatsi butanga amakuru ku birebana n'abafite akazi, abashomeri, ndetse no ku bindi bipimo bijyanye n'isoko ry'umurimo mu Rwanda. Bwibanda ku baturage bafite imyaka 16 kuzamura (abafite imyaka yo Gukora) , bakaba bagabanyijemo ibyiciro bibiri. Icyiciro cya mbere ni abantu bafite akazi n'abatagafite ariko bagashakisha bashishikaye kandi bakaba biteguye kugakora igihe kaba kabonetse "labour force". Abafite akazi ni abakora akazi kabinjiriza amafaranga, naho abashomeri ni abadafite akazi ariko bari mu rugendo rwo kugashaka kandi biteguye gukora kabonetse. Icyiciro cya kabiri ni abadafite akazi kandi batari no mu bushomeri "out of labour force", nk'abari mubuhinzi bw'amaramuko , abanyeshuri gusa, abasheshe akanguhe, abafite ubumuga, n'abacitse intege mu gushaka akazi.

Nk'uko ubu bushakashatsi bubigaragaza, abaturage bafite imyaka 16 kuzamura bagera kuri 8,510,952. Muri bo 5,292,396 bari ku isoko ry'umurimo (labour force) naho 3,218,556 bari hanze y'isoko ry'umurimo. Muri abo bari ku isoko ry'umurimo, 4,581,575 bafite akazi naho 710,821 ni abashomeri. Ibi bisobanuye ko abanyarwanda 5 mu 10 bafite imyaka 16 kuzamura bafite akazi (bakora akazi kabinjiriza amafaranga), mu gihe hafi umuntu 1 mu 10 bari ku isoko ry'umurimo ari umushomeri.

Raporo kandi igaragaza ko urwego rw'imirimo ya serivisi rukomeje kuza imbere mu gutanga akazi mu Rwanda ku gipimo cya 45.6%, mugihe urwego rw'ubuhinzi rutanga akazi ku gipimo cya 38%, naho urwego rw'inganda rugatanga akazi ku gipimo cya 16.4%. Mu bashomeri, abari mu buhinzi bw'amaramuko bangana na 55.7% mu gihe abandi bashomeri bangana na 44.3%.

Mu gukomeza gukora ubushakashatsi nk'ubu, Ikigo cy'Igihugu cy' Ibarurishamibare (NISR) kizakomeza gutanga imibare yizewe ifasha mu gufata ibyemezo bishingiye ku makuru yizewe.

Ku bindi bisobanuro kuri iyi raporo, mwasura urubuga rwa NISR: **www.statistics.gov.rw**, aho mushobora gusanga n'izindi raporo z'ubundi bushakashatsi butandukanye.

**MURENZI Ivan**
Umuyobozi Mukuru wa NISR

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA (NISR)

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

# ISHUSHO Y'UBUSHAKASHATSI KUBAKORA N'ABASHOMERI MU RWANDA

